0340

K0141751 

| | |
|---|---|
| **Identification** | **: RTLM N° 54 /0340 du 14/03/94** |
| **Durée** | **: 60mn** |
| **Qualité** | **: Bonne** |
| **Transmission** | **: RTLM** |
| **Date de la transcription** | **: Le 11/10/99** |
| **Nom du transcripteur** | **: Uwamahoro M.Vianney** |
| **Nom du fichier** | **: 0340.wpd** |
| **Dictaphone** | **: Sanyo**<br>**Modèle TRC-8080**<br>**Série P8806620** |

**Face A**

**Noheli**

Ariko kandi abanyamakuru turi abantu tugenda dutoragura hirya no hino inkuru, dusoma udupapuro twose duhuye na two, Kinyamateka, ibitabo, hum twumva, tujya impaka, hari aho rero mbonye ikinyamateka nakibonye muri iyi minsi, e..nimero ya kane y'"Umusemburo", "Umusemburo" rero ni u..ni ikinyamateka cyandikwa na.."Association des jeunes chercheurs d'emploi", uhum ni "abachercheurs" rero d'emploi, ariko rero sinzi aba "Baministre" bazabashakira akandi kazi.

Abaministre ba Agata bati "biyambitse ubusa". Ni iki Abaministre bamwe bafite abajandar..kuki.. ni kuki Abaministres bamwe bafite abajandarume bo kubarinda, abandi ntibababagire ? Icyo ni ikibazo. Ese mama, babaye bake babura abo babaha, him bakaba baba.. baha abasigaye ? Ariko se, ko twabonye hari abafite abarenze babiri ? Ngibyo bimwe mu bibazo abatuye uyu mugi bibaza. Iyo urebye neza witonze, usanga.. harinzwe gusa gusa abanyamakosa, ibisambo, hem n'abandi batinya ko bazakozwa na rubanda, bazahozwa na rubanda, bakabaryoza ibyo babakoreye.

Irebere nawe. Ati ni ba bandi batatu bo muri PSD, hem b'akaboko karekare, bafashe ishyaka bakariguristsha n'Inyenzi, none bakaba batinya ko "abakombozi" b'ukuri babaza ibyo bakoze. Ati "ni ba bandi batatu bihaye na ko bibye imyanya amajyoji ya MDR, bakaba batinya gucakirana na "JDR-Inkuba". Hum ngaho muzabaze Ruhumuriza impamvu atarinzwe, azagusubiza ko nta cyaha yakoze cyatuma yiyisha abaturage.

Abashishoza rero, mwahera aho kuko burya umunyamakosa akwigaragariza utabimusabye, none wasobanura ute ukuntu uzajya gusura so na nyoko, bakabanza gusakwa nkaho babyariye kuzihekura ? Hum Ngirababyeyi Innocent rero ni we mushakashatsi wanditse iyi article. Dukomeze twumva uwo muziki

I saa yine hano i Kigali. Mumaze kumva "Mbwira abumva" ubwo abumva bumvise.

**Valérie p.3-**17

..Electrogaz baba bari mu myigaragambyo, icyakora koko ni abakozi ba Electrogaz bahoze ari abakozi ba Electrogaz, muribuka ko mu minsi yashize bigeze kujya bakora imyigaragambyo, igihe cyose wababona ugasanga bafunze, cyangwa se ba..bu..tiyo biriya biduha amazi cyangwa n'amatara ugasanga babimenaguye, ubwo ndetse abategetsi bashaka kugira ngo bajye guhosha ibyo bintu, aha ndavuga cyane cyane Prefet wa Perefegitura y'umujyi wa Kigali afatanyije n'Umuyobozi w'ikigo cya Elelctogaz, bagira ngo barebe ukuntu ba..bicubya, ibyo bintu by'imyigaragambyo no konona kugeze aho, ugasanga rero ababaga bari mu myigaragambyo batabikozwa, ahubwo bakagaragaza imyifatire itari myiza imbere y'abategetsi ndetse ugasanga haba harimo n'ikintu kibuzemo uburere.

Ubwo rero byageze aho ngaho rero basanga ibyo bintu byo konona atari byo, kandi baba abandi bababwira ati "mureke tubasobanurire ikibazo cy'amafaranga yanyu uko giteye", abandi ntibabikozwe ahubwo bagahitamo gukora imyigaragambyo no gusenya ibyo bintu. Ubwo rero abandi barebye batya bati "aho kugira ngo (arakoroye) mugumye mwonone ibintu bifitiye akamaro Abanyarwanda bose, abo bantu babikora ibyiza ni uko basezererwa, noneho amafaranga yabo ubwo yazaboneka tukazayabaha.

(arakoroye) Ubwo rero abo bantu baragiye, mu kugenda ntabwo bashizwe, bakomeje gushaka kugira ngo bakore imyigaragambyo, ariko..kugira ngo babone uburenganzira bwo kuyikora muzi ko bagomba kubisaba ubuyobozi bwa.. Précfeture y'umujyi wa Kigali. Hem si ukuvuga gusa ko wenda imyigaragambyo igomba kubera mu mugi wa Kigali gusa, kuvuga ko aho yabera mu zindi Préfecture bagomba gusaba uburenganzira euh..abayobozi b'izo Préfectures.

Ubwo rero abo bantu uko birukanywe, barebye birabayobera bashatse kugira ngo na none bongere bakore indi myigaragambyo, bayobe..bayoberwa uwo bajya gusaba ubwo burenganzira, kuko mv..mvuga ko nababwiraga ko bashatse kugira ngo basuzugure abo ba..tegetsi ndetse

banabashyiraho ikintu kitafite ubunya..ikinyabupfura, ubwo babona ko batamutunguka imbere, batatunguka imbere euh..Prefet wa Préfecture y'umujyi wa Kigali. Nibwo noneho biyemeje kugira ngo bashake abayobozi ba "jandarumori".

Kugira ngo rero bashake abo bayobozi ba "jandarumori", ubwo bikorakoranyije nyine, euh..bahurira hariya kuri rond point, munsi..ya rond point, imbere ya Saint Famille, kugira ngo e..ubuyobozi bwa "jandarumori" buze kuba ari ho bubasanga. Ubwo rero boherejeyo abantu babiri ngo bajye kureba ubwo buyobozi e..bwa "jandarumori", cyane cyane bifuzaga Général Major Ndindirimana Agusitini, ubwo rero abo bantu bari bagiteregereje n'abandi ngo baze ba..be benshi, bakiri aho ngaho, uwababonaga rero akibwira ko na none e..bongeye gusubira mu myigaragambyo.

Ariko ubwo bagiraga ngo.. bavugane n'ubwo buyobozi bwa "jandarumori", ko bavuga bati "nitubikora tutabwiye Prefet, e..kuko tutashobora kumutunguka imbere, na we yagira atya wenda akarakara, ubwo..ubwo wenda abajandarume bakazaza bakaba a..batuvanamo nabi mu mihanda n'iki". Ubwo ariko bakaba bateganya gukora imyigaragambyo rero ngo..y'umutuzo mu mutekano, mu mutuzo ngo bada..nta bikorwa by'ubugizi bwa nabi bakora. Ubwo rero bakagira ngo babivugane n'ubuyobozi bwa "jandarumori", akaba ari yo mpamvu rero e..bose bakoraniye aho munsi ya se..ya rond point kuri Saint Saint.. Famille, akaba ari yo mpamvu abantu bagiye bababona buri gihe, bibwira ko abo bantu, e..baba bari mu myigaragambyo . (arakoroye) ariko mu by'ukuri ari ukugira ngo bavugane n'ubuyobozi bwa "jandarumori" barebe ngo ukuntu bazongera kubura iyo myi..myigaragambyo ariko ngo mu buryo o..bw'umu..bw'umutuzo, butazanamo amahane ndetse ahari n'ibyo by'agasuzuguro, no gusuzugura abategetsi, bikaba byavaho.

Ubwo rero ni uko bimeze, ntabwo mu by'ukuri ari imyigaragambyo nyamyigaragambyo, turashimira abaduhaye ibisobanuro bihagije, ariko wasangaga mu by'ukuri ukuntu bameze wagiraga ngo n'imyigaragambyo, ubwo twari twagiye kureba uko ibyo ari ibyo, tubaza abayobozi babo batubwira ko mbese atari imyigaragambyo.

Ubwo kandi na none, ibyo nababwiraga nti abantu bakora ibintu bububye bakibwira ko uhagaze wenda atababona, ibyo navugaga nti abantu ntibaki..bwire ko amakuru tuyavana e..tuyabona mu buryo bw'uburiganya, ntibishoboka. Eu..amakuru tuyabona mu buryo bwiza, kandi bwemewe kuko tugenda tukayashakisha, tukabanza tukayanononsora, noneho tukayageza ku bantu bumva radio RTLM.

Ni yo mpamvu rero nabwiraga eu..bwana, bwana Twagiramungu Fawusitini Premier Ministre ko RTLM nta nyungu ifite yo kugira ngo ibe yajyana icyuma igishyire muri salle iyi n'iyi, ngo abantu bari mu nama ngo kandi mu buryo bw'umu..bw'umuhezo, ngo RTLM yo ibe yakora ikintu nk'icyo.

Icyo kintu rero ntabwo tugikora, kuko ..byose tuba tubizi kandi bitugeraho ku buryo bwiza naho ubu, n'ubu yatubwira ati "ibyo bintu mubimenya mute"? Ariko se ntabwo tuyobewe ko buri kanya, buri gihe, buri munsi, nta munsi w'ubusa a..we na Ministre w'Intebe w'inzibacyuho iriho ubu, baba bacicikana kwa Ambasaderi w'Ababiligi. Buri kanya, buri kanya, buri munsi, buri gihe, kandi ubwo we yatubwiye ati "reka reka reka , ubwo wenda wajyanyeyo akuma", akuma ntako najyanyeyo, ariko burya uwu..uwububa ngo abonwa n'uhagaze.

Ubwo tuba tubirebera hafi, kuko twese turakorera igihugu, icyo gihe rero babacicikana wenda, ntitumenye n'imyanzuro iba yavuye muri iyo mibonano, kandi ibyo.. iyo mibonano ubundi yagombye kugira imyanzuro ivamo, igaragarizwa Abanyarwanda. Ubwo twebwe duhita twumva ndetse n'abandi Banyarwanda babyumva, ntibamenye icyo i..iyo mibonano yavuyemo, bahita bumva ko mu by'ukuri, ko iyo mibonano ishobora kuba igamije ikindi.

Uko rero gucicikana a..twumva ko aba..twari dukwiye kujya tumenya ibivamo. Niba bitamenyekanye ni ukuvuga ko biba bigamije ikindi kitarebera igihugu ahubwo kirebera ba nyir'ubwite baba bajyayo bibese Abanyarwanda, cyangwa se bibese abandi banyepolitique. Ubwo rero ni yo mpamvu nababwiraga mu kanya nti Abanyarwanda barareba, kandi bazi ubwenge rwose, ndibuka ko e..bwana Twagiramungu yarabivuze inshuro nyinshi, inshuro nyinshi, ariko jye nibaza impamvu atajya..atajya

abyibuka wa mugani wa.. bwana Gahigi Red..Rédacteur en chef wa RTLM, ni we ukunda kuvuga ati "umunyepolitique ntabwo akwiye kwibagirwa".

Buri gihe ahora abihamagarira bwana Twagiramungu Fawusitini, na we yarikwiye kujya yibuka na none ko ahora atubwira ati "Abanyarwanda bazi ubwenge", kuko Abanyarwanda bazi ubwenge. Nababwiraga ukuntu eu...i Nyacyonga, abavanywe mu byabo n'intambara n'ubwo bwose babaye, ariko rero eu..utuntu eu..Ministre w'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, afatanyije na Diregiteri wa..w'icapiro ry'amashuri ukuntu bagiye bababeshyeshya utuntu, eu..kugira ngo mbese base n'ababikururira, babiyegereze, ariko bakanga bakamenya ko ba bantu ari ukubakinga mu maso, kugira ngo babashuke.

Ubwo rero mu kanya nababwiraga nti si ibyo gusa, nti ndakurikirana, ndebe rwose iyo dosiye, nyisome, nyi..numve neza ikirimo, kugira ngo mbibagezeho, nasanze bya bintu.. rwose eu..bariya bantu bavanywe mu byabo n'intambara bavuze, bishobora kuba ari impamo. Bavuga bati "muracunge cya kigo, ibu..umutungo wa kiriya kigo kigo.. utazavaho ushira, mukazabona na cyo..na kiriya kigo na cyo kirafunze nk'uko muzi ko hari bigo byinshi bi..bivuga biti "twarahombye tugiye gufunga".

Bakavuga rero bati na kiriya, azagumya agisahure, agisahure kuzageza igihe bazavuga ngo ikigo cyahombye, ngo bagifunge". Nyamara ariko, ntabwo ari we ujya abikora wenyine afa..afite n'abandi bafatanyije, urumva nka Ministre w'Intebe madamu Uwiringimana Agata, hari ba Twagiramungu, hari n'abandi n'abandi, bagenda rero bafatanyije.

Nk'uko rero maze kub..kubireba, maze kubinononsora, nababwiraga ko uriya Directeur w'ikigo gi..w'icapiro ry'amashuri, bwana Sitanisilasi Sinibagiwe, yabujije abakozi be kumva radio RTLM. Ubwo ariko nababwiraga ko batagomba gucika intege. Yenda bashobora kutayumva kuko abibabwiye igihe bari aho mu mirimo, ariko hanze bayumva, n'undi wese wayumva yabageze aho icyo RTLM yaba yavuze. Kandi ndumva ko batazanabyemera rwose, buriya ibyo kuvuga kuriya sinzi iki..impamvu yabivugaga ariko ntibashobora kubyemera.

Noneho rero uwo Mu..yobozi w'icyo kigo, arashinjwa ibintu byinshi. Arashinjwa ibintu byinshi nabirebye, ndabireba, ndabireba jyewe numiwe. Uriya Muyobozi wa kiriya kigo, Ubudage bwigeze kubaha imfashanyo, ni intwererano, yabahaye intwererano rwose y'imashini ebyiri, imashini ebyiri zikora amakaye. Izo.. mashini n'izo mu bwoko bwitwa "Diolomatique". Noneho izo mashini zageze mu Rwanda,

zikimara kuhagera, imwe gusa ni yo yashoboye e.. gushyirwa mu mwanya wayo e..hashize imyaka ine irakora.

Ariko rero iya kabiri yarazimiye. Yazimiriye he ? Icyo ni ikibazo. Kandi rero izo mashini? imwe ifite agaciro ka miliyoni icumi. Ubwo rero Ubudage bwabonye ibyo bintu, buz..bumaze kumenya ko izo mashini zageze mu Rwanda noneho imashini imwe gusa iba ari yo, bashoboye gushyira mu nzu za Imprimerie ikaba ari yo ikora, Ubudage burarakara, ni bwo bwoherezaga a.. umuntu, umuntu ni bwana Yan Peter Tops, bashinze kugira ngo akore anketi kuri iryo nyerezwa ry'iyo mashini, kugira ngo arebe uko ibintu bimeze.

Ubwo akigera ino rero uwo mugabo, amaze iminsi ibiri gusa, yaje kugira atya yitaba Imana ku buryo budasobanutse, ku buryo burimo urujijo. Ku buryo abantu bose bibaza ukuntu uwo muntu yitabye Imana. Ubwo Ubudage..bwar..bwarongeye nyuma, bwongera butanga groupe électrogène industriel ziriya nini zicana a..zikoreshwa iyo amashanyarazi ashize ndetse zikiyatsa. Ubwo Ubudage bwabahaye ibyo..izo groupes eshatu. Kandi buri groupe ifite agaciro ka miliyoni eshatu z'amafaranga y'amanyarwanda. G..groupes ebyiri gusa na zo ni zo za..za..zose zageze mu Rwanda uko ari eshatu, ariko ebyiri gusa muri izo, ni zo bashyize mu mazu ya Imprimerie Scolaire. Ubwo iya gatatu ubwo ngo..Directeur yarayifunze, yarayifunze kuko abantu bavuga ko iyo..groupe iri mu nzu ye, ikoreshwa ku nzu ye iri muri Komine Kivuye kandi iyo nzu ye ubu ikaba ari Etat Major y'Inkotanyi.

Iyo nzu rero bayihaye iyo groupe, ni ho iya gatatu, iyo groupe uko zari eshatu, zageze mu Rwanda, ebyiri ziguma muri Imprimerie scolaire zo zirahari, ariko iya gatatu yaranyerejwe, ihita ijyanwa eu.. ku nzu ya Directeur wa Imprimerie e.. Scolaire, iri muri Komini Kivuye ubu iyo nzu ikaba ari état

Major y'Inkotanyi.

Ibwo si byo na none nasanze bigikomeza, kuko na none Directeur w'i..w'urwo w'u..w'iryo capiro, yabwiye umucungamari we "caissière" we ko o..muri caisse ya..rundarunda amafaranga, akagera kuri miliyoni ebyiri, noneho akababwira ko ari ukugira ngo ashobore e..gutanga "avance" y'abakozi.

Nyamara kandi icyaje kugaragara ni uko akenshi abakozi bahemberwa kuri comptes za banque. Ubwo ayo mafaranga na yo bakaba bavuga bati "twebwe ubundi duhemberwa kuri comptes za banques, nta kuntu rero izo miliyoni yazifata ngo agiye kuzihemba abakozi", bakavuga bati "na zo, mu by'ukuri azaba a..yaba yarazikubise umufuka we".

Ubwo na none yarakomeje, arakomeza mu minsi mike aba..ashyizemo wenda murumuna we ugomba kumurembera we n'ibyo bintu biriho bikorwa kugira ngo yumve icyo abakoze bavuga, ubwo aba amuhaye akazi. Uwo muru..musu..murumuna we ngo akaba adafite n'amashuri atandatu abanza. Hashize nk'amezi at..ane gusa akora aho. Ariko nyuma y'ayo mezi ane yahise amukubita inguzanyo y'amafaranga ibihumbi magana abiri by'amanyarwanda.

Kandi ubwo bakavuga bati "hariho abahamaze n'igihe batarabona izo nguzanyo", ubwo rero bakibaza impamvu uwo muntu utanahamaze byibura n'amezi atandatu cyangwa se umwaka, bagahita bamuha inguzanyo y'amafaranga ibihumbi magana abiri y'amanyarwanda.

Bon, ubwo re.. nanone biracyakomeza, biracyakomeza kuko nyuma y'aho na none Imprisco, Imprimerie Scolaire, yaguze imodoka, igura imodoka rwose yari igikomeye, nziza bagira bati "iyo modoka igomba kujya itwara e..Administrateur Financier w'i..iryo capiro. Ubwo ariko muribuka hari meeting ya MDR, bavugaga ko ari iya MDR ariko yagombaga kuyoborwa na bwana Twagiramungu Fawusitini, afash..afatanyije na madamu Uwiringiyimana Agata, hariya kuri Stade régional i Nyamirambo, muribuka ukuntu yagiye..iyo meeting yaburijwemo ariko baje gu..abantu bari bizeye ko bayiburijemo, baza kuva mu mihanda barataha, bigejeje mu ma saa sita bavuga bati "iriya meeting

ntikibaye", noneho ubwo bamaze gutaha, muribuka ko bwana Twagiramungu na madamu Uwiringiyimana Agata a..bahise ba..baza bamaze kubimenyeshwa na MINUAR ko abantu bavuye mu mihanda, na bo bahita baza bajya kuri stade régional, bajya gukorera iyo meeting yabo.

Ubwo rero iyo modoka ya imprimerie yari yaraguzwe e..Directeur wa imprimerie, yabwiye umushoferi ko agomba kujyana abantu ba imprim..abantu ba..b'iyo..bagombaga kujya muri iyo meeting bakabageza kuri stade. Ubwo rero muri uko gusirisimba, iyo modoka igenda igaruka, igenda igaruka, yagize itya ikora accident, irononekara cyane.

Ku buryo kugira ngo iyo modoka izongere ikorwe, yongere igarure ubuyanja, yongere guk..kujya mu muhanda ikorwe.. ikoreshwe, igomba gutwarwa kugira ngo bayikoresha, amafaranga arenga miliyoni imwe y'amanyarwanda, kugira ngo bayishobore kuyitunganya. Ariko rero uwo mushoferi n'ibyo byose, kugira ngo rwose iyo modoka imererwe nabi byarabaye, ariko amaze kuvayo yahawe igihembo cy'uko bamuhembye; bamuha inguzanyo y'ibihumbi ijana.

Ubwo na none muzi ko imprimerie ifite amazu menshi. Amazu menshi ndetse akabamo amwe agenewe icumbi e..rya Directeur, nyamara e..bwana Sinibagiwe Stani we yarabyanze ahubwo ashaka kugira ngo akodeshe andi mazu ku Kimihurura. Ubwo im..inzu imwe rero ikaba kandi ifite ama..agaciro ayiriha buri kwezi, Imprimerie ubwo ni yo iyiriha, ageze amafaranga ageze ku bihumbi ijana, buri kwezi. Mwibuke kandi ko mbere y'uko aba mu nzu arimo ubu ngubu, yari acumbitse mu nzu ya bwana Karemera Edouard, ubwo nyuma aza kuyivamo, agenda atarishye za factures z'amazi n'umuriro.

Murumva rero ko na Electrogaz iyo tuyirenganya, na yo yenda hari igihe igira gutya, tuti "umuriro wabuze, amazi yabuze", nk'abo bantu eu.. baba bagenda gutyo batishyuye izo facture, sinumva ukuntu na none Electrogaz ishobora kubona amafaranga yo kugira ngo wenda, n'iyo itagura ibindi byuma bishya, ariko igomba no kubifata neza kugira ngo ibyoze, ibigire gute, cyangwa se akuma gapfuye ishobore kugasimbuza akandi, tukumva rero ko ibyo byose bishobora kuva muri ayo

mafaranga.Ubwo rero bwana Sinibagiwe we yahise ava muri iyo nzu ya bwana Karemera Edouard atarishye izo facture, ari iz'amazi, ari iz'u..nu nu n'amashanyarazi, arigendera.

N'aha mu mugi wa Kigali e..nk'uyu mwaka ugitangira, mwakunze kubona calendrier nyinshi zakunze eu..gukwirakwiza ndetse zigurwa, zariho amafoto abiri, ifoto imwe.. ifoto imwe yari iya Nyakubahwa e..bwana Kayibanda Grégoire, indi ikaba ifoto ya bwana Twagiramungu Fawusitini. Izo calendrier rero, izo kalindari, zakorewe mu icapiro ry'amashuri, ari mu gihe ndetse mu gihe kitari icy'akazi, mu gihe cya week-end, nta bon de commande yigeze ikorwa, ndetse bitari ndetse no mu makaye a..yandikwamo ibintu bigiye kuhakorerwa, ubwo kandi babikora bakoresheje ibikoresho byose byose bya Imprimerie Scolaire ndetse n'amamashini.

Ubwo rero nta hantu hagaragara ko izo kalindari zaba zarishyuye. Ibyo bintu na byo birahari, abantu barabyibazaho b..byinshi, bati "none se, izo kalindari kuki noneho zitishyuye". Ubwo na none ni ko kandi ubwo amazu ya..ya imprimerie..y'iryo capiro akorerwamo amanama. Ayo manama ugasanga kenshi arimwo abantu bake. Ugasanga ari aka..a..ara..arimwo cyane cyane abantu babogamiye kuri bwana Twagiramungu Fawusitini ndetse harimwo baba..haba harimwo e..ba Higiro, ba Rucogoza, ba Agata; n'abandi ku buryo usanga mu by'ukuri izo e..ayo mazu ubundi, e..iyo hagenewe kubera inama cyangwa kubera ikindi kintu arakodeshwa, akishyurwa. Ariko bensh..banya..abakozi bose baremeza ko ayo mazu atajya yishyurwa na rimwe, ariko kandi ayo manama akakomeza kuhabera.

Ku buryo rero abantu bagira bati, ndetse n'abakozi baravuga bati "rwose abantu bashaka kwishyuz..kwishyura, eu..kwishyura e..iriya ririya capiro, bari bakwiye kujya bakoresha za chèque. Hari chèque bita chèque barré, ku buryo iyo chèque i..iyo ari barré iriho.. bayishyizeho nk'uturongo tubiri, mu..mu mfuruka cyangwa ku ruhande iyo chèque ntaho umuntu ashobora kugenda ngo avanemo amafaranga e..ku buryo bu..bumworoheye.

Iyo chèque rero umuntu ayijyana muri banque, bikaba bivuga ko uvana amafaranga kuri compte imwe uyashyira kuri compte ya Imprimerie. Ubwo rero ugasanga bitamworohera kugira ngo, niba abantu

bagiye kuriha amachèque ameze gutyo, ashobore kuba ngo yarigisa ayo mafaranga ku buryo bumworoheye.

Ubwo rero bakaba basaba abantu bose ko igihe bagiye kwishyura icapiro i..ry'amashuri, bajya bakora uko bashoboye bakariha ku buryo bakoresha ayo machèques cyangwa se ibindi se ibindi bitwa "virement eu..virement bancaire". Ubwo baba bakoresheje izindi..mpapuro zitwa "ordre de paiement", na zo mu by'ukuri usanga ari nk'uko gukoresha kuvuga ko bavana amafaranga kuri compte iyi runaka, bakayashyira kuri compte ya imprimerie eu..ya Impremerie scolaire. Ubwo rero bakavuga bati "ibyo byatuma umutungo wa Imprimerie, udakomeza kurigiswa bene ako kageni".

- Na none ariko eu..ni uko ye.. wenda ngeze ku mwanzuro, hari n'akandi kantu nagira ngo mbabwire ni uko e..hari igihe e..madame Agata Uwiringiyimana, Ministre w'inteb..w'Intebe y'inzibacyuho yaguye iriho ubu, yasuye impunzi zavanywe mu byabo n'intambara hariya i Tumba.
Icyo gihe, ndabyibuka, hari n'abandi benshi babyibuka ko yazemereye toni mirongo itanu z'ibirayi. Ubwo rero muri izo toni mirongo itanu z'ibirayi, e..ubwo ya..yabwiraga, yabwiye Umuyobozi w'ikigo cya..kir..ririya capiro ry'amashuri, ko yareba mu mafaranga ya Imprimerie Scolaire, noneho akagura ziriya toni kugira ngo azigeze kuri ziriya mpunzi. Ariko rero, kugeza ubu, nababwira ko kugeza ubu, ziriya toni mirongo itanu z'ibirayi, zitaragera kuri ziriya a..kuri bariya bantu bavanywe mu byabo n'impunzi ziri i Tumba.

- Ibyo bintu ntibirahagera, kandi abantu bakaba bibaza bati "ese ayo mafaranga ko ya..ko yabwiye ko yahaye itegeko uriya bwana Sinibagiye ko afata mu mafaranga ya imprimerie akabigura, ibyo bintu, ese ayo mafaranga, y..yarafashwe cyangwa ntiyafashwemo". Icyo kintu rero na none ugasanga, abantu bari kukibazaho, n'impunzi zikaba zigira ziti " twarategereje..amaso yaheze mu kirere. Ese kuki baza kutunnyega, kuki baza kuduseka, aho twibereye bagiye batwihorera, ntibajye biririrwa.. baduha ama..amasezerano k..kuza batwizeza ibitangaza kandi baba badashoboye kubikora".

Ariko hagati aho abantu bakibaza bati "none ese ko yatanze itegeko ko ayo mafaranga bagomba

kuyavana muri e..mu icapiro ry'igihugu, niba yaravuwe.. yaravanywemo, ayo mafaranga yaba aherereye he ?" Kugeza na n'ubu rero, izo tone mirongo itanu, ntabwo e..zirigera zigera e..toni mirongo itanu z'ibirayi, ntizirigera zigera kuri abo bantu bavanywe mu byabo e..n'intambara. Bari i Tumba, ubu ngubu baracyategereje, ahubwo baravuga bati "nimutubarize abo bantu, ibyo bintu biri hehe ko na n'ubu tugitegereje".

Ikindi na none, muriyumvira ko izo mfashanyo baba batanze, twese ntawe.. udashoboye kuba yavuga ati "reka dufashe bariya bantu, iyo wifite ushobora kubafasha, n'ikigo runaka iyo gishaka gufasha kirabivuga kiti "tugomba gufasha aba bantu", ndetse banabijyana bakajya kuri radio bati "ikigo runaka cyatanze imfashanyo". Mujya mwumva bavuga bati "SONARWA yatanze imfashanyo iyi n'iyi". Mujya mwumva bavuga bati "Electrogaz yatanze imfashanyo iyi n'iyi".

Ariko rero hano mugasanga ho hihishe ikintu, hihishe ikintu, kubera ko Ministre w'Intebe aragiye abwiye impunzi ati "rwose mbemereye toni mirongo itanu z'ibirayi". Azibemereye gute ? Ese ni mu mufuka we ? Ni..ni mu mafaranga y'igihugu, ni mu mafaranga yi ..ya he ? We rero abivuze gutyo, noneho arahindukiye agiye kureba ikigo gifite amafaranga, ati "noneho ibi nemereye bariya bantu, nibive mu mafaranga y'iki kigo", kandi bakaro..baga..bakaronda ibigo ibyo ari byo.

Ni ibigo baba bazi ko birimo abantu bashobora gukoresha uko bishakiye kandi na bo bazi ukuntu bakorana nyine. Ubwo ugasanga amafaranga y'icyo kigo arasohotse, ku buryo butazwi, noneho aragiye. Nibwo bya bindi rero bavuga bati "kiriya kigo na cyo gikwiye gucungwa neza, bakareba ko umutungo waho w'icyo kigo utariho unyerezwa". Kuko abantu baragiye ba..bavanyemo ayo mafaranga yo kugura ziriya toni barawu..barayatanze baraziguze, ariko ntibivuze ko ari Imprimerie Scolaire yanafashije abo bantu, byitiriwe madame Uwiringiyimana Agata, Ministre w'Intebe w'inzibacyuho iriho, kandi mu by'ukuri atari we ufashishe bariya bantu, ari Imprimerie Scolaire.

Icyo kintu na cyo cyari gikwiye kugaragara, kandi koko n'abavanywe mu byabo n'intambara

ntibagumye kumva ko uriya muntu ari we uriho ubafasha, uriya muntu ari we uriho ubafasha, kandi mu by'ukuri atari we ahubwo ari Imprimerie Scolaire yabafashije. Nguko rero uko uriya Muyobozi w'ikigo e..cy'icapiro ry'amashuri ariho anyereza ndetse akaba yarananyereje ibintu bifite agaciro.

Kugeza ubu ibyo tuzi kuko bavuga ko hari n'ibindi birengeje, iby'ubu nk'ubu maze kubabwira bishobora kuba bigeze kuri miliyoni cumi n'eshanu z'amafaranga y'amanyarwanda. Ubwo na none hari ibndi nibishobora kujya bitugezaho, tuzajya tubibagezaho uko tubibonye, ariko rero abantu rwose nibakurikirane ibyerekeranye n'umutungo w'igihugu, iyo abantu bavuga bati "turashaka ko ibintu bigenda gutya, turasaba ko mu butegetsi tugira imyanya ingana gutya" ntabwo ari ku busa, ntabwo kandi baba bifuza ko bakorera e..bakorera Abanyarwanda bose.

Ibi biratugaragariza ko baba batareba inyungu z'Abanyarwanda bose ahubwo ko baba birebera inyungu zabo bwite. Urumva ko ayo mafaranga ntago ajya mu mifuka y'Abanyarwanda ntabwo ajya mu mifuka y'Abanyarwanda, afite aho aherera ku bantu..ku giti cyabo bwite murabyiyumviye, noneho bakazayajyana ndetse ayo mafaranga akashobora kuzabafasha mu gukora politique ndetse no kuvuga bati "duhirike ubutegetsi". Ibyo bintu rero abantu bari bakwiye kubisobanukirwa, bakabireba, bakumva bati "iki kigo cya..cyahombye", nkaba mbona ko bari bakwiye kujya bihutira kugira ngo bajye bareba igihe abantu batabaje nk'uku nguko, ikigo kitarafunga, nka iriya Imprimerie nka ririya capiro ry'amashuri.

Ubwo rero n'ayo makuru nari mbafitiye muri aka kanya, uko n'andi agenda angeraho ndayabagezaho, ndetse n'amatangazo ndabona tugifite rwose hafi isaha nzima. Isaha nzima ubu mu kanya turaba tubafitiye n'ibindi. Ubwo rero mwakomeza mugakurikirana ibiganiro bya radio RTLM, turabona ko hanaramutse umuvumbi, tubafitiye umuziki mwiza, nagira ngo nsabe eu..technicien wacu Ntezimana Jean aturebere umuziki, umuziki udushyushya muri uyu muvumbi kugira ngo awudushyirireho (musique).

**Noheli**

..Hum ariko ati "umugabo Nayigiziki muramuzi mwese, Nayigiziki igi..ikirangirire", ati "we

yayigereranyaga n'urukiramende", kubera ko muri mirongo itanu n'icyenda yari shefu ku Mayaga, we yabonye mirongo itanu n'icyenda igeze, aragenda abwira Abatutsi ati "mwa bantu mwe, dore mumaze imyaka n'imyaka musimbuka urukiramende mwenyine, hem mureke n'Abahutu basimbuke urwo ku..kuri urwo rukiramende, mureke Abahutu barusimbuke, turebe abari buze kurunera". Ati "abari buze kurunera tubarebe, naho ubundi abarusimbuka kigabo baraba batsinze", abatsinze kandi murabazi.

Hum ati "rero ibyabaye babaye mu Rwanda bitewe n'iyi ntambara", ati "ariya masezerano y'Arusha bavuga ngo bagiye mu nzibacyuho yaguye, ng..mur..muri transition", ati "ni kimwe no kwagura urukiramende ngo aba..abantu bari bashyamiranye, ngo basimbukire rimwe". Urukiramende rero ntimwarusimbukira rimwe muri babiri, nta wamenya, uwarunereye n'utarunereye. Nta wamumenya. Ati "ahubwo, icyadukiranura, nibareke bashyireho vuba vuba amatora, amatora rero ni ko gusimbuka urukiramende mu mwanya wawe, noneho abo bazatora n'agaba batsinze, abo batazatorwa rero ruzaba rwabananiye, ruzaba rwabananiye".

Nta kindi cyazadukiza, kizadukiranura nk'uko abivuze, uretse amatora, abo bose bose bose tugiye kubatura indirimbo ikurikiye.

..Is..radio mirongo cyenda na kane mwese mwese rero nizeye ko..twagerageje ku..bashyushya uko dushoboye, ariko kandi kare nababwiye ko ndibuze kugaruka ku kibazo cy'umupira twabonye ejo. Sinkunze kujya mu mupira, ariko ejo nari nabucyereye nti nanjye ndajya mu mupira njye kogeza, nti Kantano nti ngusezeranyije rwose ko nzagusanga muri stade ya ngoma wayizanye, tukayivuza ahasigaye tukogeza, tukogeza, tugatsinda.

Kantano namusanze kuri stade koko, ingoma yayizanye umuhungu pe akubita, akubita n'abantu bose bashyushye. Ariko icyatuyobeye n'uko iriya kipe ya Mukura, rwose yageze ku kibuga, basa n'aba..bariye ikintu, bariye ikintu gituma ahari amaguru adakora hem amaguru adakora, usanga mbese nta bushake, usanga nta kantu k'u..k'ishyaka k'umujunya karimo, ko kugira kati mu minota itanu ya

mbere abantu babe batubonye. Ashwi da..!

Igice cya mbere cy'umupira cyarangiye ari uko byimereye, uretse nyine ko bakinaga ari nk'"'amakoreje" abiri yahuye n'abo "Bazayirwa" uretse ko bagize Imana bagashyiramo ba..ba..biriya bitego bibiri, bashyizemo na neza cyane, bashyizemo na neza cyane rwose, ni ibitego by'isuku. Ariko rero hem na bo.. (respiration) na bo nararebye nti ese ya "amafente", ya macenga, ya mitwe hem y'Abazayirwa, noneho iriya kipe ko ari iya gatatu muri Zayire, ubu ngubu bu..umupira muri kiriya gihugu kingana kuriya, umupira w'aho ugeze he ? Twarabirebye, cya..cyo..Mukura twavuye yo twese nta muntu wayicira n'akari urutega, nta n'umuntu washoboraga kuyicira n'akari urutega ngo avuge ngo habuze iki ngo wenda abasifuzi basifuye nabi, ashwi ! Hum bati "wenda babimye penaliti", ariko se waha penalite umuntu utarigeze agera muri surface de réparation, utarigeze agera imbere y'izamu, wamuha penariti se wayimuhaho wayimuha ute ?

Hum wayimuha ari mu ba gatanu se ? ..shoboka, ..hoboka, twararebye tuti "ngaho Mukura igendere". Ubu sinzi icyo Kantano abitekerezaho n'ibihembo byose yari afite. Sinzi icyo abitekerezaho ubwo ngubwo na.. nafata micro turibuze kumubuza ukuntu azaca urwo rubanza rwa biriya bihebo byose, hariho n'abandi beme..bemeye ibindi. Si ngombwa kwirirwa tubivuga kuko byata..byabaye impitagihe.

Abo Bazayirwa rero n'abo batsinze, ni kuri stade ba.. bene wabo bari bavuye muri Zaïre ab'inaha..

**Fin de la face A**

**Face B**

**Noheli**

..shyaka ridasanzwe, ridasanzwe ryari rikwiye kutubera isomo twebwe Abanyarwanda. Ariko kandi..(interruption + des cris + des voix superposées).

